# 426: Dukomeze gutambuka

1. Dukomeze gutambuka Kuko Satan’ arindira Kutubona tunanirwa Ngw atwicir' umumaro pe !

Ref: Mpisemo guhora nkizwa, Ngashingwa mu gakiza ke : Sinzava mu gakiza ke !

2. Bahungu, namwe bakobwa, Mukijijwe n'amaraso, Nimufash' abananiwe Bavuye ku Musaraba.

3. Bagabo, namwe bagore, Muze, dukizw' ibyo mu ngo, Kukw ibigusha birimo Bitubuza kujy' imbere.

4. Umv' umuhanuz' Elisa, Uko yavuye Namani; Maz' amuh' ingemu nyinshi, Elis' arabihakana.

5. Namani yarakijijwe, As him' Iman' ihoraho; Arerur’ a vug' aty' ati: I man' iba mw Israyeli !

6. Va mu kibi cya Gehazi Wakurikiy' indamu mbi! Ni we wajyany' ibibembe Bya Namani yakijijwe.

7. Abantu bose bo mw isi, A bagabo n'abagore, Bataz' ubuntu bwa Yesu, Tubah' impumuro nziza.

8. Twitandukanye n'ab'isi, Ngo bitume bakanguka, Bave no mu butamenya, Bumvir’Imana y'ukuri.

9.

Namw' abakunda Siyoni, Murek' idin' ikayutse; Nta n'icyo yabamarira : Ikunda gushimwa gusa.(Rwanda)

Visit us at burundi.indirimbo.com